


Kinyarwanda I

009

11/11/2015 2.00PM-5.00PM



**IKIZAMINI CYA LETA GISOZA ICYICIRO RUSANGE CY'AMASHURI
YISUMBUYE, 2015**

IKIZAMINI: KINYARWANDA I

IGIHE KIMARA: AMASAHA 3

AMABWIRIZA:

- 1) Ntufungure iyi kayi y'ibibazo by'ikizamini utabiherewe uburenganzira.
- 2) Ikizamini kigizwe n'ibice bine :
 - Igice cya mbere: Gusoma, kumva no gusesengura umwandiko **(amanota 37)**
 - Igice cya kabiri: Ikibonezamvugo **(amanota 39)**
 - Igice cya gatatu: Imyandikire n'ubumenyi by'ururimi **(amanota 9)**
 - Igice cya kane: Ihangamwandiko **(amanota 15)**
- 3) Subiriza mu ikayi yabugenewe wubahiriza itonde ry'ibibazo uko bikurikirana.
- 4) Ibisubizo bigomba kuba bifututse kandi byuzuye; usubize muri make utarondogoye.
- 5) Irinde gusiribanga no guhindagura ibisubizo.

TUMWE MU TURANGO BWITE TW'UMUCO NYARWANDA

Umuco w'abantu batuye iginugu runaka aba ari imbumbwe rukumbi, utakwitiranywa n'undi kandi ukaba ukomoka ku rusobe rw'ibintu byinshi. Turavugamo bimwe mu by'ishingiro bituma nyine umuco wacu uba umwihariko unoze: ubwisanzure bw'umuntu mu bandi, uguhererekanya ibyagezweho, ururimi n'ubuvanganzo, indirimbo n'imbyino, ubupfura, imyuga n'ububahose bw'Imana.

Umuntu yisanzuriraga mu bandi. Haba mu muryango we bwite, haba mu wo akomokamo ndetse no mu mirimo inyiranye ya buri muni, buri wese yagombaga gukorera abo babana, maze na bo bakamurinda. Ndetse n'iyi byabaga ngombwa, umuntu yatangwagaho igitambo kugira ngo abe cyangwa abo akomokaho badahungabana. Nk'iyi yatangwaga n'umwami, ntiyabyinubiraga, ari ukugira ngo ejo abana be na bene wabo batamuzira.

Umunyarwanda wese, kabone n'umwami ubwe, yagombaga kumena amarašo ye, iyi byabaga ngombwa, kugira ngo igihugu gisugire. Ni n'aha twashyira amatwara yo kwagura igihugu kugira ngo haboneke uruhumekero.

Hari imirimo rusange yashimangiraga ubucuti, ubufatanye, ikanerekana ko «akebo kajya iwa Mugarura». Twavugaga nk'ubudehe, umusanzu n'umuganda, gusangira, gutonora no kunywa. Abanyarwanda bibukaga ibihe by'amahina n'urugamba rukomeye bakarya ku mbuto enye z'ibanze bitaga nkuru: uburo, amasaka, isogi n'inzuzi. Bityo ntihagire iby'ingenzi bibagirwa kandi n'ubusabane bwabo bugasugira. Ibanga ry'ubukeshya n'ubumenyiringiro ryigishwaga abana bese, nta kuvangura ibitsina.

Gugererekanya ibyagezweho na byo ni inshyigikiramuco. Mu mateka y'u Rwanda, ababyeyi bitwararikaga kuraga ababakomokaho ibyo bakuye ku bakurambere babo. Ndetse n'ubu usanga umubyeyi uyu n'uyu yigisha abana be nk'ibisigo, imigani, ibisakuzo, ibitekerezo, indirimbo n'imbyino. Gusa ikibabaje kandi kinatangaje ni uko bene abo ari bake cyane. Bashoboraga no kubyigishwa na ba sekuru cyangwa nyirakuru cyangwa se n'abavandimwe babo babaruse ubukuru.

Uko guhererekanya ubushishozi, ubwitonzi, ubumenyi, urwibutso, ubuhanga n'ubugenge bw'ingeri zose kugaragarira cyane cyane mu bategetsi,

nk'abakuru b'imiryango, b'ibitsibo by'imiryango cyangwa abami. Ibwami bashyizeho uburyo bwo guhererekanya uwo murage w'abasokuruza bushamikiye akenshi ku buvanganzo. Ni uko hashyizweho abasizi, abisi, ibikore, abacurabwenge, abiru n'impaza zari zishinzwe umuhango wo kubandwa. Iryo hererekanya ryanabaga mu mihango iranga ibihe bikuru by'ubuzima bw'umuntu: ivuka, iyatura n'isubizwaho, ishyingirwa n'irongora n'icyo kwitarura isi. Yego hose birahaba, ariko rero uburyo, imvugo n'isesekaza bikanyurana. Biterwa n'igice umuntu aherereyemo, aho yarerewe n'uko yarezwe. No mu bitaramo barahigiraga. Byararuhuraga, ariko bakanabyigiramo amateka, inozamvugo, kwifata neza no gutoza ugutwi muzika, nk'iyi habaga hari abanyamuduri n'ubundi bugeni bwerekeye muzika.

Nta gushidikanya ko uwo mwete wo kubungabunga ibyagezweho no kubigeza ku bandi ari wo waranze ubushakashatsi bwa Musenyeri Alegisi Kagame waturaze ibintu bitabarika cyane cyane ibyerekeye ubuvanganzo. Yakusanyije ibisigo byashoboye kuboneka aranabitwandikira.

U Rwanda rwateje imbere cyane icyitwa «ijambo» n'ubunozamvugo. Rwitaye cyane ku rurimi rwo nzira y'ubwumvikane na kimwe mu by'ingenzi umuco ukubiyemo. Mu buvanganzo ijambo rishobora kwerekana imyifatire, imbamutima, ibiri mu mutwe w'umuntu, rigatuma ingiro iriherekeje itaba imfabusa. Ijambo rero ni igikorwa gituma yigaragaza akanumvana n'undi.

Si ibyo gusa, ururimi rwacu runashyigikiye ubumwe bw'igihugu. N'ikimenyimenyi biri no mu ndirimbo yubahiriza igihugu cyacu mu gitero cya kabiri aho dusanga aya magambo : «*Horana Imana, murage mwiza, ibyo tugukeshya ntibishyikirwa; umuco dusangiye uraturanga, ururimi rwacu rukaduhaza...*». Urebye uko ruteye kandi, usanga ruva inda imwe n'ikirundi n'igiha....

Mu muco w'Abanyarwanda, habamo n'ubupfura. Ubupfura ni ubw'umutima; si ukuba ukomoka kuri naka cyangwa nyirantuzza. Abakurambere bacu bati «ubupfura buba mu nda». Bugaragarira mu budahemuka, mu kutiyandarika, mu kutariganya, mu butwari, mu kubaha abandi, mu kugira ibanga, mu bugororoke, mu bwiyumanganye, mu bwanga mugayo no mu gushimira.

Inkingi ya koma y'uko mugenzi mwiza w'ubupfura ni ubuntu, icyuzuzo cyawo kikaba umurava. Ariko muri ibi bihe iryo jambo ryahawe inyito yindi, kuko ubundi ryavugaga ubugwaneza, ugushikurwa n'ukwimenya. Ubupfura ni bwo butera ikinyabupfura, kugira ibanga no kutishyamangaza.

Imyuga na yo iri mu bigize umuco w'igihugu. Ibyo imyuga idukorerera buri muni bigira icyo bihindura ku musaruro, ku gukoresha iki n'iki cyangwa ku kurya imyaka iyi n'iyi. Umukobwa yabohaga agaseke azi n'uko bakikorera kandi batagaragaje ibikarimo. Ubukorikori bwagiye bwongera ubuhanga bubukoreshwamo, ubwiza, imitako mu iboha cyangwa mu bucuzi. Ububumbyi nabwo ni ingirakamaro cyane cyane kubera ibikoresho binyuranye bikorwa mu ibumba.

Imana ntiyabura mu mucu wacu, mu mvugo ya buri muni tuyisangamo. Amazina ayishingiyeho ayiha umwanya ukomeye mu mibereho y'abantu, agahora yibutsa ko ihoraho. Imana mbere na mbere ni umuremyi. Ndetse n'ibisigo byahimbwe mbere y'umwaduko w'ubukirisitu birabihamya.

Uwo mucu warinze Abanyarwanda kuyongoberera mu yandi mahugu, ntuzimirire mu bizira byinshi byagiye biranga amateka, ubu ukaba ukeye rwose kandi ari ubukombe, ukubiyemo intekerezo zacu twihangiye, ukwiye icyubahiro by'umwihariko. Mu rugaga rw'indi mico ntiwaburamo cyangwa ngo ujyaneyo ikinegu n'ipfunwe. Ahubwo wayuzuzura ari na ko na wo wiyuzuzura. Wakunganira ikoraniro ry'abantu bagambiriye kumenya «Muntu.»

IGICE CYA MBERE (AMANOTA 37)

A. KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO

- 1) Andika ibintu bine (4) bigaragaza ko umuco wacu wihariye utandukanye n'indi mico y'ahandi. (amanota 2)
- 2) Ni hehe Umunyarwanda ashobora kugaragariza ubwisanzure? (Vuga ahantu habiri). (inota 1)
- 3) Ni uwuhe mugani w'umugenurano dusanga muri uyu mwandiko ugaragaza ubufatanye n'ubucuti? (inota 1)
- 4) Ni iyihe mirimo yashimangiraga ubucuti n'ubufatanye Abanyarwanda bashoboraga guhuriramo?(Vuga imirimo ibiri). (inota 1)
- 5) Ni izihe mbuto Abanyarwanda bitaga nkuru? (amanota 2)
- 6) Tanga ingero ebyiri z'imigenzo ivugwa muri uyu mwandiko itakigaragara muri iki gihe. (amanota 2)
- 7) Ni iki kitwereka ko kuva na kera Abanyarwanda bubahirizaga ihame ry'uburinganire bw'ibitsina byombi mu burere bahaga abana babo? (inota 1)
- 8) Ni iki kigaragaza ko ururimi rufite uruhare runini mu bumwe bw'igihugu? (inota 1)
- 9) Wifashishije ingero 2 zitandukanye erekana ko Imana itabura mu buzima bwa buri muni bw'Abanyarwanda. (amanota 2)
- 10) Tanga imigani itatu y'imigenurano yerekeza ku Mana. (amanota 3)
- 11) Tanga ingero eshatu(3) z'abantu bari bashinzwe imirimo mu butegetsi bwo hambere bakaba batakiri mu nzego z'ubuyobozi zo muri iki gihe bavugwa muri uyu mwandiko. (amanota3)

B. INYUNGURAMAGAMBO

- 12) Sobanura amagambo akurikira dusanga mu mwandiko:
 - (a) imbumbe rukumbi (inota 1)
 - (b) Ubuvanganzo (inota 1)
 - (c) Ntiyabyinubiraga (inota 1)
 - (d) Gisugire (inota 1)
 - (e) Amahina (inota 1)
 - (f) Kunywana, guca ku nda (inota 1)

- (g) Ubukeshya (inota 1)
 (h) Ibikore (inota 1)
 (i) Kwishyamangaza (inota 1)
 (j) Kuyongoberera (inota 1)

C. IMPUZANYITO

- 13) Simbuza amagambo aciyeho akarongo andi bihuje inyito ari mu mwandiko.
- (a) Umuco w'abantu ukomoka ku ruvange rw'ibintu byinshi. (inota 1)
 (b) Imirimo Abanyarwanda bakoraga yahamyaga ubufatanye. (inota 1)
 (c) Ikinyarwanda kiri mu muryango umwe n'ikirundi n'igiha. (inota 1)

D. UBUVANGANZO N'UBUMENYI RUSANGE

- 14) Ica ibi bisakuzo : sakwe sakwe !!!
- (a) Nahinze mu mpinga nsarura mu gapfunsi. (inota 1)
 (b) Akayuriyuri ka ntibazirikana inshuti y'urupfu. (inota 1)
- 15) Uzuzura iyi migenurano :
- (a) Ahatuma ibiziba uhatega (inota 1)
 (b)nibo bamwimye amatwi. (inota 1)
 (c) Abasangira ubusa (inota 1)

IGICE CYA KABIRI : IKIBONEZAMVUGO (AMANOTA 39)

- 16) Andika ubwoko bw'amagambo aciyeho akarongo.
- (a) Umuntu yisanzurira mu bandi. (amanota 2)
 (b) Umuco nyarwanda ukwiye gusigasirwa hakiri kare kuko ufite uruhare runini mu majyambere. (amanota 3)
 (c) Ururimi rwacu runashyigikira ubumwe bw'igihugu. (amanota 2)
- 17) Garagaza intêgo y'amagambo aciyeho akarongo n'amategeko y'igenamajwi yubahirijwe (mu mpine)

u-mu-gu-

(a) Ubuhinzi n'ubworozi ni imwe mu myuga ya kera. (amanota 2)

(b) Basanze umurwayi n'umupfu bombi ari kimwe n'ubwo mu mucu wacu batandukanye. (amanota 5)

(c) U Rwanda rwateje imbere ibintu byinshi birimo n'umuco. (amanota 2)

(d) Dukwiye kwirinda inzangano mu buzima bwa buri muni. (inota 1)

18) Andika ibicumbi by'amagambo aciyeho akarongo.

(a) Ubukwe ni umwe mu minango twarazwe n'abasokuruza. (amanota 3)

(b) Horana Imana murage mwiza ibyo tugukeshya ntibishyikirwa. (amanota 2)

19) Andika inteko cyangwa ngenga (ku nshinga) z'amagambo aciyeho akarongo.

(a) Abibonye atyo ati "ndagiye sinzangaruka ntimuzanshake". (amanota 2)

(b) Impyisi na yo yahamije ko ubupfura buba mu nda. (amanota 2)

(c) Umuco nyarwanda utandukanye n'indi mico y'ahandi. (inota 1)

UBUTINDE N'AMASAKU

20) Tandukanya amagambo yandikwa atyo ukoresheje ubutinde bw'imigemo n'imiterere y'amasaku.

(a) Kurongora (umugeni) ≠(gushorera inka) (inota 1)

(b) guhera (amasakâ) ≠(kubûra buruundû) (inota 1)

(c) gutuma (koohereza) ≠(ivû cyangwa isaazi) (inota)

(d) gushyira (nzira) ≠(kujyaanira umuuntu ikiintu) (inota 1)

(e) amafu (amatôondotôondo) ≠(y'amasaka n'imyumbati) (inota 1)

21) Garagaza ubutinde bw'imigemo n'imiterere y'amasaku ariko ugabanye ibimenyetso kuri iyi nteruro. (amanota 7)

Guhererekanya ibyagezweho na byo ni ingirakamaro mu buzima bwa buri muni bw'Abanyarwanda bose.

ru - a - ta - ir - y - ye

IGICE CYA GATATU: IMYANDIKIRE Y'URURIMI (AMANOTA 9)

22) Andika neza amagambo aranga igihe akurikira:

a) n'i munsu

(inota 1)

b) ejo bundi

(inota 1)

c) isaatanu

(inota 1)

23) Andika amagambo abiri arimo igihekanu "dw".

(amanota 2)

24) Ni hehe hemerewe gukoresha akuguruzo n'akugarizo kamwe mu myandikire yemewe y'Ikinyarwanda. Tanga urugero rw'interuro ibigaragaza.

(amanota 2)

25) Interuro ibaza itangirwa n'iki igasozwa n'iki?

Tanga urugero rw'interuro y'umurongo umwe.

(amanota 2)

IGICE CYA KANE: IHANGAMWANDIKO (AMANOTA 15)

26) Hitamo imwe mu nsanganyamatsiko zikurikira uyiramburemo umwandiko muremure w'imirongo 25 n'amagambo atari munsu ya 200.

(a) Uruhare rw'umugore mu muco nyarwanda

(b) Ishuri riyobowe neza kandi ryishoboye ritsindisha abanyeshuri benshi.

ndwi